DR-Congo: M23 yatangaje ko idashyize imbere kwigarurira Uduce, ahubwo irajwe inshinga no ‘kurokora abari mu Byago’

February 28, 2023

Umutwe w’inyeshyamba wa M23 uvuga ko udashyize imbere ibyo gufata uduce ahubwo ugamije kurokora abantu, nyuma yuko ku cyumweru wigaruriye agace ka Rubaya ko muri teritwari ya Masisi muri Kivu ya Ruguru.

Agace ka Rubaya, gakize ku mabuye y’agaciro nka Coltan, kari mu ntera ya Kilometero zigera kuri 50 mu Burengerazuba bwa Goma, Umurwa mukuru wa Kivu ya Ruguru.

Ku wa gatanu ushize, nabwo M23 yigaruriye agace ka Mushaki ko muri Masisi.

Mu kiganiro na Radiyo y’Abongereza Ishami ry’Ikinyarwanda n’Ikirundi BBC Gahuzamiryango, umuvugizi wa gisirikare wa M23 Major Willy Ngoma yavuze ko **“gufata ahantu si byo dushyize imbere, ahubwo kurokora abantu bari mu byago”**.

Ati:

> *Intego yacu si ugufata imijyi n’uduce. Ariko tubikora mu kwirwanaho ubwacu no kurwana ku baturage bacu.*

Iki gitangazamakuru dukesha iyi nkuru, cyatangaje ko cyagerageje kuvugana n’igisirikare cya Repubulika ya Demokarasi ya Congo (FARDC) ariko ntibyagishobokera.

Gusa FARDC yagiye ishinja M23 kuba ari yo iyigabaho ibitero irenze ku masezerano yo guhagarika imirwano yemejwe n’abakuru b’ibihugu byo mu karere.

Major Ngoma avuga ko abaturage b'i Mushaki n'i Rubaya ubu bakomeje ibikorwa byabo bya buri munsi, gusa iki gitangazamukuru gikomeza kivuga ko kitashoboye kubigenzura mu buryo bwigenga.

Ariko bamwe mu bahatuye n'abakozi bo mu miryango itanga imfashanyo bavuga ko hari abaturage bahahunze kuva M23 yafata Mushaki na Rubaya.

Major Ngoma yavuze ko M23 ishaka ko ikibazo **"kirangira mu nzira y'amahoro"**, ariko ko **"nta bushake bwa politiki buhari"** ku ruhande rwa Leta DR Congo.

Leta ya DR Congo ivuga ko M23 ari umutwe w'iterabwoba idashobora kuganira na wo mu gihe cyose utarashyira intwaro hasi ndetse ukava mu duce wafashe.

Leta ya DR Congo inawushinja guhabwa ubufasha bw'abasirikare n'ibikoresho na Leta y'u Rwanda, ikirego M23 na Leta y'u Rwanda bahakana.

Muri uku Kwezi kwa Kabiri, umuryango uharanira uburenganzira bwa muntu Amnesty International washinje inyeshyamba za M23 ubwicanyi no gufata ku ngufu abagore n'abakobwa barenga 60 mu gace ka Kishishe na Bambo mu Kwezi kwa 11 mu 2022.

Iyo raporo yawo yakurikiye izindi za ONU/UN na Human Rights Watch na zo zishinja M23 ibyaha byo mu Ntambara bivugwa ko byakorewe i Kishishe na Bambo muri Kivu ya Ruguru.

Avuga kuri iyo raporo icyo gihe, Major Ngoma yambwiye iki gitangazamakuru ko ibirego byo gufata abagore ku ngufu bivugwa na Amnesty ari ibintu **"abasirikare bacu badashobora gukora"** kandi ko ari raporo **"igamije gusa kwanduza isura ya M23"**.